

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

ITEGEKO N° 73/2013 RYO KUWA 11/9/2013
RIGENA UBUBASHA, INSHINGANO,
IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO
RW'IGIHUGU RUSHINZWE IPEREREZA
N'UMUTEKANO

LAW N° 73/2013 OF 11/9/2013
DETERMINING THE POWERS, MISSION,
ORGANISATION AND FUNCTIONING OF
THE NATIONAL INTELLIGENCE AND
SECURITY SERVICE

LOI N° 73/2013 DU 11/9/2013
DETERMINANT LA COMPETENCE, LES
MISSIONS, L'ORGANISATION ET LE
FONCTIONNEMENT DU SERVICE
NATIONAL DE RENSEIGNEMENTS ET DE
SECURITE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: icyicaro cya NISS

Article 3: Head office of NISS

Article 3: Siège de NISS

Ingingo ya 4: Ubwisanzure mu mikorere ya
NISS

Article 4: Autonomy of the NISS

Article 4: Autonomie dans le fonctionnement
de NISS

Ingingo ya 5: Urwego rureberera NISS

Article 5: Supervising Authority of NISS

Article 5: Organe de tutelle de NISS

UMUTWE WA II: INSHINGANO
N'UBUBASHA BYA NISS

CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF
NISS

CHAPITRE II: MISSIONS ET
COMPETENCE DE NISS

Icyiciro cya mbere : Inshingano za NISS

Section One: Mission of NISS

Section première: Missions de NISS

Ingingo ya 6: Inshingano rusange

Article 6: General mission

Article 6: Mission générale

Ingingo ya 7: Inshingano zihariye

Article 7: Specific mission

Article 7: Missions particulières

Icyiciro cya 2: Ububasha bwa NISS

Section 2: Powers of NISS

Section 2: Compétence de NISS

<u>Ingingo ya 8:</u> Uburenganzira bwo gutunga imbunda	<u>Article 8:</u> Right to possess firearms	<u>Article 8:</u> Droit de posséder des armes à feu
<u>Ingingo ya 9:</u> Ububasha bw'Ubugenzacyaha	<u>Article 9:</u> Powers of Judicial Police	<u>Article 9:</u> Compétences de Police Judiciaire
<u>Ingingo ya 10:</u> Kugenzura itumanaho	<u>Article 10:</u> Interception of communications	<u>Article 10:</u> Interception des communications
<u>Ingingo ya 11:</u> Gushyira no gukura mu byiciro amakuru y'ibanga	<u>Article 11:</u> Classification and declassification of confidential information	<u>Article 11:</u> Classification et déclassification des informations confidentielles
UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BYA NISS	CHAPTER III: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF NISS	CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NISS
<u>Ingingo ya 12:</u> Imiterere ya NISS	<u>Article 12:</u> Organization of NISS	<u>Article 12:</u> Organisation de NISS
<u>Ingingo ya 13:</u> Imiyoborere ya NISS	<u>Article 13:</u> Management of NISS	<u>Article 13 :</u> Direction de NISS
<u>Ingingo ya 14:</u> Ishyirwaho ry'Abayobozi Bakuru n'abandi bakozi ba NISS	<u>Article 14:</u> Appointment of senior officials and other staff members of NISS	<u>Article 14:</u> Nomination des cadres supérieurs et des autres membres du personnel de NISS
<u>Ingingo ya 15:</u> Indahiro	<u>Article 15:</u> Oath	<u>Article 15:</u> Serment
<u>Ingingo ya 16:</u> Manda y'Abayobozi Bakuru ba NISS	<u>Article 16:</u> Term of office of Senior Officials of NISS	<u>Article 16:</u> Mandat des cadres supérieurs de NISS
<u>Ingingo ya 17:</u> Kuva ku mirimo	<u>Article 17:</u> Termination of duties	<u>Article 17:</u> Cessation des fonctions
<u>Ingingo ya 18:</u> Abahoze ari Abakozi bakora iperereza bari muri « intelligence reserve »	<u>Article 18:</u> Former Intelligence Reserve Personnel	<u>Article 18:</u> Personnel de Renseignements à la réserve
<u>Ingingo ya 19:</u> Ibigererwa Abayobozi Bakuru n'abakozi ba NISS	<u>Article 19:</u> Benefits allocated to senior officials and staff of NISS	<u>Article 19:</u> Appointements accordés aux cadres supérieurs et au personnel de NISS

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

<u>Ingingo ya 20:</u> Imikoranire ya NISS n'izindi nzego	<u>Article 20:</u> Relationship between NISS and other institutions	<u>Article 20:</u> Relations entre NISS et autres Institutions
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMARI N'UMUTUNGO BYA NISS	<u>CHAPTER IV:</u> FINANCE AND PROPERTY OF NISS	<u>CHAPITRE IV:</u> FINANCES ET PATRIMOINE DE NISS
<u>Ingingo ya 21:</u> Inkomoko y'imari n'umutungo wa NISS	<u>Article 21:</u> Source of finance and property of NISS	<u>Article 21:</u> Source des finances et patrimoines de NISS
<u>Ingingo ya 22:</u> Iyemezwa n'imicungire by'ingingo y'imari ya NISS	<u>Article 22:</u> Approval and management of the budget of NISS	<u>Article 22:</u> Adoption et gestion du budget de NISS
<u>Ingingo ya 23:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NISS	<u>Article 23:</u> Use, management and audit of the property of NISS	<u>Article 23:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine du NISS
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<u>CHAPTER V:</u> MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano yo gutanga amakuru afitiye akamaro umutekano w'Igihugu	<u>Article 24:</u> Obligation to provide information vital to national security	<u>Article 24:</u> Obligation de fournir des informations indispensables à la sécurité nationale
<u>Ingingo ya 25:</u> Kudatanga amakuru	<u>Article 25:</u> Non-disclosure of information	<u>Article 25:</u> Rétention de l'information
<u>Ingingo ya 26:</u> Agaciro k'ibyakoze na NISS mbere y'itangazwa ry'iri tegeko mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	<u>Article 26:</u> Validity of acts performed by NISS before publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda	<u>Article 26 :</u> Validité des actes réalisés par NISS avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda
<u>Ingingo ya 27:</u> Manda y'Abayobozi Bakuru ba NISS basanzwe mu mirimo	<u>Article 27:</u> Term of office of the incumbent senior officials of NISS	<u>Article 27 :</u> Mandat des cadres supérieurs de NISS en exercice

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

Ingingo ya 28: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko

Article 28: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 28: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 29: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Article 29: Repealing provision

Article 29: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 30: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 30: Commencement

Article 30: Entrée en vigueur

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

**ITEGEKO N°73/2013 RYO KUWA
11/9/2013 RIGENA UBUBASHA,
INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BY'URWEGO
RW'IGIHUGU RUSHINZWE IPEREREZA
N'UMUTEKANO**

**LAW N°73/2013 OF 11/9/2013
DETERMINING THE POWERS, MISSION,
ORGANISATION AND FUNCTIONING OF
THE NATIONAL INTELLIGENCE AND
SECURITY SERVICE**

**LOI N°73/2013 DU 11/9/2013
DETERMINANT LA COMPETENCE, LES
MISSIONS, L'ORGANISATION ET LE
FONCTIONNEMENT DU SERVICE
NATIONAL DE RENSEIGNEMENTS ET DE
SECURITE**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA
REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa
05 Kanama 2013;

The Chamber of Deputies, in its session of 05
August 2013;

La Chambre des Députés, en sa séance du 05 août
2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 02
Kanama 2013;

The Senate, in its session of 02 August 2013;

Le Sénat, en sa séance du 02 août 2013 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu
ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya
89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108,
iya 113, iya 169, iya 172, iya 183 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93,
94, 95, 108, 113, 169, 172, 183 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90,
92, 93, 94, 95, 108, 113, 169, 172 183 et 201;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena ububasha, inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano, rwitwa "NISS" mu magambo ahinnye y'Icyongereza.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuye ku buryo bukurikira:

- 1° **amakuru y'ibanga:** amakuru afite imiterere n'agaciro ku buryo kuyatangaza cyangwa kuyakwirakwiza bitatangiwe uburenganzira bishobora gushyira umutekano w'Igihugu mu kaga;
- 2° **iperereza:** igikorwa kigamije gukusanya, guhuza no gusesengura amakuru agenewe kumenyeshwa abo bireba kandi ashobora gukoreshwa hagamijwe kurengera inyungu za Repubulika y'u Rwanda;
- 3° **Ubuyobozi Bukuru:** Ubuyobozi Bukuru bw'Iperereza n'Umutekano imbere mu Gihugu, Ubuyobozi Bukuru bw'Ubutegetsi n'Imari, Ubuyobozi Bukuru bw'Iperereza n'Umutekano

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law determines the powers, mission, and organization and functioning of the National Intelligence and Security Service, abbreviated as "NISS".

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meaning:

- 1° **classified information:** information of such a sensitive nature and value that the unauthorized publication or disclosure thereof would lead to a security risk being posed to the Country;
- 2° **intelligence:** process of collecting, collating and analyzing data or information for dissemination to authorized persons and usable for purposes of protecting interests of the Republic of Rwanda;
- 3° **Directorate General:** The Directorate General of Internal Intelligence and Security, the Directorate General of Administration and Finance, the Directorate General of External Intelligence and Security, and the Directorate

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi détermine la compétence, les missions, l'organisation et le fonctionnement du Service National de Renseignements et de Sécurité, dénommé "NISS" en sigle anglais.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **informations classifiées:** informations de nature et de valeur sensible dont la publication ou la révélation non autorisée constituerait un risque à la sécurité du Pays;
- 2° **renseignement:** processus de collecte, de compilation et d'analyse des données ou des informations pour les communiquer aux personnes concernées et utilisables à des fins de protéger les intérêts de la République du Rwanda ;
- 3° **Direction Générale:** la Direction Générale de Renseignements et Sécurité Intérieurs, la Direction Générale d'Administration et Finances, la Direction Générale de Renseignements et Sécurité Extérieurs et la

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

hanze y'Igihugu, Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu cyangwa ubundi Buyobozi Bukuru bwashyirwaho hakurikijwe iri tegeko;

General of Immigration and Emigration, or any other Directorate General that may be established pursuant to this Law;

Direction Générale d'Immigration et Emigration, ou toute autre Direction Générale pouvant être mise en place conformément à la présente loi;

4° ukora iperereza: ushinzwe iperereza muri NISS;

4° Intelligence officer: an officer in charge of intelligence within NISS;

4° Agent de renseignements: personne chargée des renseignements au sein de NISS;

5° umukozi: ubarirwa mu nzego z'imirimo za NISS kandi ahembwa na yo;

5° Staff member: a person appearing on the organisational structure of NISS and remunerated by NISS;

5° Membre du personnel: personne figurant sur le cadre organique de NISS et rémunérée par NISS;

6° umutekano w'Igihugu: ingamba zifatwa n'Igihugu hagamijwe kukirinda, zikubiyemo gukumira no kurwanya ko cyaterwa biturutse imbere mu gihugu cyangwa hanze yacyo n'ibindi bikorwa bishobora kugihungabanya.

6° National security: strategies taken by the country for its protection, including the prevention of and fight against internal and external threats, and other acts that may threaten its integrity.

6° sécurité nationale: stratégies prises par le pays pour sa protection, comprenant la prévention et la lutte contre toutes menaces tant internes qu'externes et tous les actes pouvant mettre en danger son intégrité.

Ingingo ya 3: Icyicaro cya NISS

NISS ifite icyicaro cyayo mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

Article 3: Head office of NISS

The head office of NISS shall be located in Kigali City, the capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if necessary.

Article 3: Siège de NISS

Le Siège de NISS est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

Ingingo ya 4: Ubwisanzure mu mikorere ya NISS

NISS ifite ubwisanzure mu micungire y'imari n'abakozi byayo. Ubuyobozi Bukuru bugize NISS bufite ubwisanzure buciriritse mu micungire y'imari n'abakozi babwo.

Article 4: Autonomy of the NISS

NISS shall have financial and administrative autonomy. The Directorates General of NISS shall have a financial and administrative semi-autonomous status.

Article 4: Autonomie dans le fonctionnement de NISS

NISS jouit de l'autonomie financière et administrative. Les Directions générales de NISS jouissent d'une semi autonomie financière et administrative.

Amategako ngengamikorere akena ishyirwa mu bikorwa by'ibiteganywa n'iyi ngingo.

Ingingo ya 5: Urwego rureberera NISS

NISS irebererwa na Perezidansi ya Repubilika.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA NISS

Icyiciro cya mbere : Inshingano za NISS

Ingingo ya 6: Inshingano rusange

NISS ishinze muri rusange gukora iperereza imbere no hanze y'Igihugu no gusuzuma ibijyanye n'abinjira n'abasohoka hagamijwe kurinda no gukumira icyahungabanya umutekano w'Igihugu.

Ingingo ya 7: Inshingano zihariye

NISS ifite inshingazo zihariye zikurikira:

- 1° kugira inama Perezida wa Repubilika na Guverinoma ku ngamba zo kurengera inyungu z'umutekano w'Igihugu haba mu bya politiki, ubukungu, umuco, imibereho y'abaturage n'igisirikari;

The Internal Rules and regulations shall determine the enforcement of the provisions of this Article.

Article 5: Supervising Authority of NISS

NISS shall be supervised by the Office of the President of the Republic.

CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF NISS

Section One: Mission of NISS

Article 6: General mission

NISS shall in general be responsible for internal and external intelligence as well as immigration and emigration matters for the prevention and protection against threats to the national security.

Article 7: Specific mission

NISS shall have the following specific mission:

- 1° to advise the President of the Republic and the Government on strategies to protect national security interests whether political, economic, cultural, social and military;

Le règlement d'ordre intérieur détermine la mise en application des dispositions du présent article.

Article 5: Organe de tutelle de NISS

NISS est placé sous la tutelle de la Présidence de la République.

CHAPITRE II: MISSIONS ET COMPETENCE DE NISS

Section première: Missions de NISS

Article 6: Mission générale

NISS est en général chargé de renseignements tant internes qu'externes et de tout ce qui est relatif à l'immigration et émigration pour la prévention et la protection contre toutes menaces à la Sécurité Nationale.

Article 7: Missions particulières

Les missions particulières de NISS sont les suivantes:

- 1° conseiller le Président de la République et le Gouvernement sur les stratégies en vue de protéger les intérêts en rapport avec la sécurité nationale tant sur le plan politique, économique, culturel, social et militaire;

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

- | | | |
|---|--|---|
| 2° gutahura no kugaragaza igikorwa kibangamiye cyangwa gishobora kubangamira umutekano w'Igihugu; | 2° to detect and identify any existing or potential threat to national security; | 2° détecter et identifier toute menace réelle ou potentielle sur la sécurité nationale; |
| 3° guperereza, kwegeranya, kwiga, gusesengura no kumenyesha ababifitiye uburenganzira amakuru y'iperereza yerekeye umutekano w'Igihugu; | 3° to investigate, collect, articulate, analyze and disseminate intelligence information regarding national security to authorized persons; | 3° enquêter, collecter, traiter, analyser et informer les autorités habilitées des renseignements concernant la sécurité nationale; |
| 4° kurinda Leta ibyahungabanya ubusugire bwayo, ibikorwa by'ubutasi, ibitero binyujijwe mu ikoranabuhanga, ibikorwa bigamije kuyibangamira n'iterabwoba; | 4° to protect the State against threats of subversion, espionage, cyber attacks, sabotage and terrorism; | 4° protéger l'Etat contre les menaces de subversion, d'espionnage, d'attaques informatiques, de sabotage et de terrorisme; |
| 5° kumenyesha Guverinoma imyumvire rusange y'ibyangamira umutekano w'Igihugu hakoreshejwe ikoranabuhanga; | 5° to provide to the Government a comprehensive understanding of cyber threats against national security; | 5° fournir au Gouvernement une compréhension globale de menaces informatiques contre la sécurité nationale; |
| 6° kongera ubushobozi mu guhana amakuru no guhuza imbaraga mu gusubiza ibibazo byatewe n'ibitero binyujijwe mu ikoranabuhanga, iterabwoba n'ibindi bibazo by'umutekano w'Igihugu; | 6° to enhance ability to swap information and coordinate efforts to improve national response to cyber attacks, terrorism and other national security challenges; | 6° renforcer la capacité d'échanger des informations et coordonner les efforts pour améliorer la réponse aux attaques informatiques, au terrorisme et aux autres défis à la sécurité nationale; |
| 7° gushyiraho uburyo buboneye bwo gutangariza ku gihe amakuru y'iperereza avuye mu gihugu cyangwa hanze yacyo ku bafite uburenganzira bwo kuyamenya; | 7° to establish appropriate means of disseminating intelligence information generated from inside or outside the country in a timely manner to the authorized persons; | 7° mettre en place des moyens appropriés de communication de renseignements provenant de l'intérieur ou de l'extérieur du pays aux destinataires autorisés et à temps; |
| 8° gusuzuma no kugenzura ibibazo byose byerekeye abinjira n'abasohoka mu | 8° to analyse and manage all matters concerning immigration and emigration and monitor the | 8° analyser et contrôler tout ce qui concerne l'immigration et l'émigration et surveiller la |

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

gihugu no gukurikirana umutekano ku butaka bw'u Rwanda no ku mipaka yarwo;

security of the territory of Rwanda and its borders;

sécurité du territoire du Rwanda et de ses frontières;

9° gusuzuma impinduka ziba mu karere no ku rwego mpuzamahanga n'ingaruka zagira ku mutekano w'Igihugu;

9° to analyze the impact of regional and international trends on national security;

9° évaluer l'impact des tendances tant régionales qu'internationales sur la sécurité nationale;

10° gukorana no gufatanya n'izindi nzego zishinzwe umutekano imbere no hanze y'Igihugu;

10° to co-operate and collaborate with other security organs inside and outside the country;

10° coopérer et collaborer avec les autres organes de sécurité tant à l'intérieur qu'à l'extérieur du pays;

11° gukora indi mirimo yahabwa na Perezida wa Repubulika.

11° to perform any other duties as may be assigned by the President of the Republic.

11° assumer toute autre tâche qui peut lui être assignée par le Président de la République.

Icyiciro cya 2: Ububasha bwa NISS

Section 2: Powers of NISS

Section 2: Compétence de NISS

Ingingo ya 8: Uburenganzira bwo gutunga imbunda

Article 8: Right to possess firearms

Article 8: Droit de posséder des armes à feu

Abakozi ba NISS bafite uburenganzira bwo gutunga no gukoresha imbunda mu gihe bakora imirimo bashinzwe.

NISS staff members shall have the right to possess and use firearms while performing their duties.

Les membres du personnel de NISS ont le droit de possession et d'usage d'armes à feu dans l'exercice de leurs fonctions.

Uruhushya rwo kugura imbunda n'amasasu rutangwa n'ibiro bya Perezida wa Repubulika.

The authorization to import firearms and ammunitions shall be granted by the Office of the President of the Republic.

L'autorisation d'importer les armes à feu et des munitions est accordée par la Présidence de la République.

Amategeko ngengamikorere ya NISS akena uburyo bwo gutunga no gukoresha imbunda.

The internal rules and regulations of NISS shall determine the modalities of possession and use of firearms.

Le règlement d'ordre intérieur de NISS détermine les modalités de possession et d'usage d'armes à feu.

Ingingo ya 9: Ububasha bw'Ubugenzacyaha

Abakozi ba NISS bakora akazi k'iperereza bafite ububasha bw'Ubugenzacyaha mu gihe bakora imirimo yabo.

Uburyo ububasha bw'ubugenzacyaha bushyirwa mu bikorwa bugenwa n'iteka rya Perezida.

Ingingo ya 10: Kugenzura itumanaho

NISS ifite ububasha bwo kugenzura itumanaho mu gihe ari ngombwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 11: Gushyira no gukura mu byiciro amakuru y'ibanga

NISS ifite ububasha bwo kubika mu byiciro raporo z'iperereza n'umutekano n'ibindi bikoresho by'iperereza n'umutekano ifite. Amategeko ngengamikorere ya NISS agena uburyo amakuru ashirwa cyangwa akurwa mu byiciro by'ibanga.

UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BYA NISS

Ingingo ya 12: Imiterere ya NISS

NISS igizwe na:

Article 9: Powers of Judicial Police

NISS intelligence officers shall have the powers of Judicial Police while performing their duties.

The modalities of the exercise of the judicial police powers shall be determined by a Presidential Order.

Article 10: Interception of communications

NISS shall have the powers to carry out interception of communications if necessary, in accordance with relevant laws.

Article 11: Classification and declassification of confidential information

NISS shall have powers to classify intelligence and security reports and other materials of intelligence and security value within its custody. The Internal Rules and Regulations of NISS shall determine modalities of classification and declassification of confidential information.

CHAPTER III: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF NISS

Article 12: Organization of NISS

NISS shall be composed of:

Article 9: Compétences de Police Judiciaire

Les agents de renseignement de NISS jouissent des compétences de Police Judiciaire dans l'exercice de leurs fonctions.

Les modalités d'exercice des compétences de Police judiciaire sont déterminées par arrêté présidentiel.

Article 10: Interception des communications

NISS est habilité à intercepter les communications en cas de nécessité et conformément aux lois en la matière.

Article 11: Classification et déclassification des informations confidentielles

NISS est habilité à classer les rapports de renseignements et de sécurité et autres matériels de renseignements et de sécurité en sa possession. Le règlement d'ordre intérieur de NISS détermine les modalités de classification et de déclassification des informations confidentielles.

CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NISS

Article 12: Organisation de NISS

NISS est composé:

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

1° Ubunyamabanga Bukuru;	1° the General Secretariat;	1° du Secrétariat Général;
2° Ubuyobozi Bukuru bw'Ubutegets n'Imari;	2° the Directorate General of Administration and Finance;	2° de la Direction Générale d'Administration et Finances;
3° Ubuyobozi Bukuru bw'Iperereza n'Umutekano imbere mu Gihugu;	3° the Directorate General of Internal Intelligence and Security;	3° de la Direction Générale de Renseignements et de Sécurité Intérieurs;
4° Ubuyobozi Bukuru bw'Iperereza n'Umutekano hanze y'Igihugu;	4° the Directorate General of External Intelligence and Security;	4° de la Direction Générale de Renseignements et de Sécurité Extérieurs;
5° Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu.	5° the Directorate General of Immigration and Emigration.	5° de la Direction Générale d'Immigration et Emigration.
Umubare w'Ubuyobozi Bukuru ushobora kongerwa cyangwa kugabanywa n'iteka rya Perezida.	The number of the Directorates General may be increased or reduced by a Presidential Order.	Le nombre de Directions Générales peut être augmenté ou réduit par arrêté présidentiel.
Iteka rya Perezida rigena imitunganyirize n'inshingano z'Ubunyamabanga Bukuru, Ubuyobozi Bukuru n'Ubuyobozi bigize NISS.	A Presidential Order shall determine the organization and responsibilities of the General Secretariat, Directorates General and Departments of NISS.	Un arrêté présidentiel détermine l'organisation et les attributions du Secrétariat Général, des Directions Générales et des Directions de NISS.
<u>Ingingo ya 13: Imiyoborere ya NISS</u>	<u>Article 13: Management of NISS</u>	<u>Article 13 : Direction de NISS</u>
NISS iyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru nawe uyoborwa na Perezida wa Repubulika mu bijyanye n'iperereza n'umutekano by'Igihugu.	NISS shall be headed by a Secretary General answerable to the President of the Republic on all national intelligence and security matters.	NISS est dirigé par le Secrétaire Général, responsable devant le Président de la République de tout ce qui est en rapport avec les renseignements et la sécurité nationale.
Umunyamabanga Mukuru ashobora kunganirwa mu kazi n'Umunyamabanga Mukuru wungirije ushobora kubifatanya no kuyobora bumwe mu Buyobozi Bukuru.	The Secretary General may be assisted by a Deputy Secretary General who may double as a Director General of one of the Directorates General.	Le Secrétaire Général peut être assisté par un Secrétaire Général Adjoint qui peut être en même tant Directeur Général de l'une des Directions Générales.

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

Buri Buyobozi Bukuru bukuriwe n'Umuyobozi Mukuru na we uyoborwa n'Umunyabanga Mukuru mu kazi ashinzwe.

Each Directorate General shall be headed by a Director General answerable to the Secretary General in the performance of his/her duties.

Chaque Direction Générale est dirigée par un Directeur Général, responsable devant le Secrétaire Général dans l'exercice de ses fonctions.

Ingingo ya 14: Ishyirwaho ry'Abayobozi Bakuru n'abandi bakozi ba NISS

Umunyamabanga Mukuru, Umunyamabanga Mukuru wungirije n'Abayobozi Bakuru muri NISS bashyirwaho n'iteka rya Perezida. Abandi bakozi bashyirwa mu myanya hakurikijwe Sitati yihariye igenga abakozi ba NISS ishyirwaho n'iteka rya Perezida.

Article 14: Appointment of senior officials and other staff members of NISS

The Secretary General, the Deputy Secretary General and Directors General of NISS shall be appointed by a Presidential Order. Other staff members shall be appointed in accordance with the special statute governing NISS staff members established by a Presidential Order.

Article 14: Nomination des cadres supérieurs et des autres membres du personnel de NISS

Le Secrétaire Général, le Secrétaire Général Adjoint et les Directeurs Généraux de NISS, sont nommés par arrêté présidentiel. Les autres membres du personnel de NISS sont nommés conformément au statut particulier régissant le personnel de NISS établi par arrêté présidentiel.

Umubare w'abakozi ugenwa hashingiwe ku ngengo y'imari ya NISS.

The number of the staff members shall be determined depending on the budget of NISS.

L'effectif du personnel est déterminé suivant le budget de NISS

Ingingo ya 15: Indahiro

Mbere yo gutangira imirimo, Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije barahira indahiro iteganyijwe mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, imbere ya Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga.

Article 15: Oath

Before assuming office, the Secretary General and the Deputy Secretary General shall take the oath provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda before the President of the Republic, the Parliament and the Supreme Court.

Article 15: Serment

Avant d'entrer en fonction, le Secrétaire Général et le Secrétaire Général Adjoint prêtent le serment prévu par la Constitution de la République du Rwanda devant le Président de la République, le Parlement et la Cour Suprême.

Uburyo abandi Bayobozi Bakuru n'abandi bakozi bakora akazi k'iperereza barahira buteganywa na sitati yihariye igenga abakozi ba NISS.

The method of oath taking of other senior officials and other staff members in charge of intelligence shall be determined by the special statute governing NISS staff members.

Les modalités de prestation de serment des autres cadres supérieurs et des autres membres du personnel responsable de renseignements sont déterminées par le statut particulier régissant le personnel de NISS.

Ingingo ya 16: Manda y'Abayobozi Bakuru ba NISS

Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru Wungirije bagira manda y'akazi y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa.

Abayobozi Bakuru bagira manda y'akazi y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

Iyo Umunyamabanga Mukuru wungirije asanzwe afite inshingano z'Umuyobozi Mukuru habarwa manda y'Umunyamabanga Mukuru wungirije.

Ingingo 17: Kuva ku mirimo

Abayobozi Bakuru ba NISS bava mu mirimo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° kutubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
- 2° manda irangiye;
- 3° kuba atagishoboye kuzuza inshingano ze;
- 4° afite uburwayi butuma adashobora kuzuza inshingano ze bwemejwe n'akanama k'abaganga gashyirwaho na Minisitiri w'Ubuzima;

Article 16: Term of office of Senior Officials of NISS

The Secretary General and Deputy Secretary General shall have a term of office of four (4) years renewable.

The Directors General shall have a term of office of five (5) years renewable.

Where the Deputy Secretary General is already on duties of the Director General, only the term of office of the Deputy Secretary General shall be taken into account.

Article 17: Termination of duties

Senior Officials of NISS shall leave office for any of the following reasons:

- 1° violation of the Constitution and other laws;
- 2° the term of office expires;
- 3° incompetence while performing his/her duties;
- 4° he/she is no longer able to perform his/her duties due to illness certified by a panel of medical doctors appointed by the Minister in charge of health;

Article 16: Mandat des cadres supérieurs de NISS

Le Secrétaire Général et le Secrétaire Général Adjoint exercent leurs fonctions pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable.

Les Directeurs Généraux exercent leurs fonctions pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable.

Le temps que le Secrétaire Général Adjoint exerce les fonctions de Directeur Général est compté comme mandat de Secrétaire Général Adjoint.

Article 17: Cessation des fonctions

Les Cadres supérieurs de NISS cessent leurs fonctions dans l'un des cas suivants:

- 1° violation de la Constitution et de toute autre loi;
- 2° expiration du mandat;
- 3° incompétence dans l'exercice de ses fonctions;
- 4° incapacité d'exercer ses fonctions suite à une maladie attestée par une commission médicale nommée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions;

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

5° yakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);	5° he/she has been definitively sentenced to a term of imprisonment equal or exceeding six (6) months;	5° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
6° yahamwe n'icyaha cya jenocide;	6° he/she is convicted of the crime of genocide;	6° être reconnu coupable du crime de génocide;
7° ahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi byaha bifitanye isano na yo;	7° he/she is convicted of the crime of genocide ideology and other related offences;	7° être reconnu coupable du crime d'idéologie de génocide et autres infractions connexes;
8° iyo afite imyitwarire itesha agaciro NISS;	8° behaviour that is contrary to the values of NISS;	8° comportement contraire aux valeurs de NISS;
9° apfuye.	9° death.	9° décès.

Abandi bakozi ba NISS bava ku mirimo hakurikijwe sitati yihariye igenga abakozi ba NISS.

Other staff members of NISS shall leave office in accordance with the special statute governing NISS staff members.

Les autres membres du personnel de NISS cessent leurs fonctions conformément au statut particulier régissant le personnel de NISS.

Ingingo ya 18: Abahoze ari Abakozi bakora iperereza bari muri « intelligence reserve »

Article 18: Former Intelligence Reserve Personnel

Article 18: Personnel de Renseignements à la réserve

Abahoze ari abakozi bakora iperereza muri NISS barangije imirimo yabo neza, bafatwa nka « intelligence reserve personnel » kandi bashobora guhamagarwa bagakora imirimo ya NISS bibaye ngombwa.

Former intelligence officers of NISS that have completed their duties with dignity shall be considered as Intelligence Reserve Personnel and may be called upon to perform NISS duties if necessary.

Les anciens agents de renseignements de NISS qui ont dignement cessé leurs fonctions, sont considérés comme personnel de renseignements à la réserve et peuvent être rappelés pour exercer les fonctions de NISS, s'il est nécessaire.

Amategako ngengamikorere ya NISS akena ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganywa n'iyi ngingo.

The internal rules and regulations of NISS shall determine the enforcement of the provisions of this Article.

Le règlement d'ordre intérieur de NISS détermine la mise en application des dispositions du présent article.

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

Ingingo ya 19: Ibigenerwa Abayobozi Bakuru n’abakozi ba NISS

Ibigenerwa Abayobozi Bakuru n’abakozi ba NISS bigenwa n’iteka rya Perezida.

Article 19: Benefits allocated to senior officials and staff of NISS

Benefits allocated to senior officials and staff of NISS shall be determined by a Presidential Order.

Article 19 : Appointements accordés aux cadres supérieurs et au personnel de NISS

Les appointements accordés aux cadres supérieurs et au personnel de NISS sont déterminés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 20: Imikoranire ya NISS n’izindi nzego

NISS ikorana n’izindi nzego zishinzwe umutekano ndetse n’izindi nzego za Leta n’izigenga zayifasha kugera ku nshingano zayo zijyanye no kubungabunga umutekano w’Igihugu.

Article 20: Relationship between NISS and other institutions

NISS shall collaborate with other security organs and other public and private institutions that may assist in accomplishing its mission of safeguarding national security.

Article 20: Relations entre NISS et autres Institutions

NISS collabore avec d’autres organes de sécurité et d’autres institutions publiques et privées qui peuvent l’assister dans l’accomplissement de sa mission de sauvegarde de la sécurité nationale.

UMUTWE WA IV: IMARI N’UMUTUNGO BYA NISS

Ingingo ya 21: Inkomoko y’imari n’umutungo wa NISS

Umutungo wa NISS ugizwe n’ibintu byimukanwa n’ibitimukanwa. Ukomoka ku ngengo y’imari ya Leta.

CHAPTER IV: FINANCE AND PROPERTY OF NISS

Article 21: Source of finance and property of NISS

The property of NISS shall be comprised of movable and immovable property. It shall come from the State budget allocation.

CHAPITRE IV: FINANCES ET PATRIMOINE DE NISS

Article 21: Source des finances et patrimoines de NISS

Le patrimoine de NISS comprend les biens meubles et immeubles. Il provient des dotations budgétaires de l’Etat.

Ingingo ya 22: Iyemezwa n’imicungire by’ingengo y’imari ya NISS

Ingengo y’imari ya NISS yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko agenga imicungire y’ingengo y’imari ya Leta.

Article 22: Approval and management of the budget of NISS

The budget of NISS shall be approved and managed in accordance with laws governing the State budget management.

Article 22: Adoption et gestion du budget de NISS

Le budget de NISS est adopté et géré conformément aux lois régissant la gestion du budget de l’Etat.

Ingingo ya 23: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NISS

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NISS bikorwa hakurikijwe amategako abigenga.

Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta agenzura imicungire n'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya NISS hatirengagijwe umwihariko w'ibigomba kugirirwa ibanga bijyanye n'iperereza n'umutekano w'Igihugu.

Iteka rya Perezida rigena ibintu bigomba kugirirwa ibanga bijyanye n'iperereza n'umutekano w'Igihugu.

UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 24: Inshingano yo gutanga amakuru afitiye akamaro umutekano w'Igihugu

Minisiteri, ibigo bya Leta, ibigo Leta ifitemo imigabane, ibigo byigenga cyangwa umuntu ku giti cy'e bafite amakuru yerekeranye n'umutekano w'Igihugu bafite inshingano yo guhita bayageza kuri NISS bakanagaragaza icyizere bafitiye inkomoko y'ayo makuru.

Article 23: Use, management and audit of the property of NISS

The use, management and audit of the property of NISS shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

The Auditor General of State Finances shall carry out the audit of the use and management of the finance and property of NISS, without prejudice to classified matters restricted for intelligence and national security.

A Presidential Order shall determine classified matters to be restricted for intelligence and national security.

CHAPTER V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 24: Obligation to provide information vital to national security

Each Ministry, public institutions, parastatal institutions, private institutions or any individual in possession of information of national security interest have obligation to transmit such information without delay to NISS with an indication on the reliability of the source of such information.

Article 23: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du NISS

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de NISS sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

L'Auditeur Général des finances de l'Etat effectue l'audit de la gestion et de l'utilisation des finances et du patrimoine de NISS, sans préjudice des matières classées secrètes en rapport avec les renseignements et la sécurité nationale.

Un arrêté présidentiel définit les matières classées secrètes en rapport avec les renseignements et la sécurité nationale.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Article 24: Obligation de fournir des informations indispensables à la sécurité nationale

Les Ministères, les institutions publiques, les institutions paraétatiques, les institutions privées ou toute personne physique en possession d'informations en rapport avec la sécurité nationale sont tenus de transmettre ces informations d'urgence à NISS avec une indication sur la fiabilité de la source de ces informations.

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

Ingingo ya 25: Kumatanga amakuru

NISS ifite uburenganzira bwo kumatanga amakuru y'ibanga ku bo atagenewe.

Article 25: Non-disclosure of information

NISS shall have the right to not disclose classified information to unauthorised persons.

Article 25: Rétention de l'information

NISS a le droit de ne pas fournir les informations classifiées aux personnes qui ne sont pas autorisées.

Ingingo ya 26: Agaciro k'ibyakozwe na NISS mbere y'itangazwa ry'iri tegeko mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda

Ibyakozwe na NISS mbere y'itangazwa ry'iri tegeko mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda bigumana agaciro kabyo.

Article 26: Validity of acts performed by NISS before publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda

Acts performed by NISS before the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall remain valid.

Article 26 : Validité des actes réalisés par NISS avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda

Les actes réalisés par NISS avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de République du Rwanda restent valables.

Ingingo ya 27: Manda y'Abayobozi Bakuru ba NISS basanzwe mu mirimo

Manda y'Abayobozi Bakuru ba NISS basanzwe mu mirimo itangira kubarwa uhereye umunsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 27: Term of office of the incumbent senior officials of NISS

The term of office of the incumbent senior officials of NISS shall commence on the date of the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 27 : Mandat des cadres supérieurs de NISS en exercice

Le mandat des cadres supérieurs de NISS en exercice commence à courir le jour de publication de la présente loi au Journal Officiel de République du Rwanda.

Ingingo ya 28: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 28: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 28: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 29: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 29: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Official Gazette n°Special of 18/10/2013

Ingingo ya 30: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **11/9/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 30: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **11/9/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 30: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **11/9/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux